# IBYO PAPA YIFUZA KO DUSABIRA MU MWAKA WA 2026

## MUTARAMA

**Kugira ngo Isengesho riherekezwe n'Ijambo ry'Imana**

Dusabe kugira ngo isengesho rishingiye ku Ijambo ry'Imana ridutungire ubuzima kandi ritubere isoko y'amizero mu miryango yacu, ridufasha kubaka Kiliziya iharanira ubuvandimwe n'iyogezabutumwa.

## GASHYANTARE

**Gusabira abana banduye indwara zidakira.**
Dusabe kugira ngo abana banduye indwara zidakira hamwe n'imiryango yabo bahabwe ubuvuzi no kwitabwaho bakeneye, ntibatakaze imbaraga n'amizero.

## WERURWE

**Gusaba ngo intwaro zishyirwe hasi, haboneke amahoro**
Dusabe kugira ngo ibihugu byinshi bifate inshingano yo gushyira intwaro hasi, cyane cyane intwaro za kirimbuzi, kandi abayobozi b'iyi si bahitemo inzira y'ibiganiro na dipolomasi aho guhitamo intambara.

## MATA

**Gusabira abapadiri bari mu bigeragezo.**
Dusabire abapadiri bahura n'ibigeragezo mu muhamagaro wabo, kugira ngo babone ubufasha bakeneye kandi imiryango babarizwamo ibashyigikize isengesho no kubumva.

## GICURASI

**Gusaba kugira ngo abantu bose babone ibibatunga**
Dusabe kugira ngo abantu bose, kuva ku bacuruzi bakomeye kugeza ku baguzi boroheje, biyemeze kwirinda gusesagura ibiribwa kandi buri muntu abone ibiribwa byujuje ubuziranenge.

## KAMENA

**Gusabira indangagaciro za siporo.**
Dusabe kugira ngo siporo ibe igikoresho cy’amahoro, gusabana no kuganira hagati y’imico n’ibihugu, inadufashe guteza imbere indangagaciro nko kubahana, ubufatanye no kwiteza imbere.

## NYAKANGA

**Gusaba ngo ubuzima bw’ikiremwa muntu bwubahwe.**
Dusabe kugira ngo ubuzima bwa muntu bwubahwe ku nzego zose kandi burindwe mu byiciro byabwo byose, hazirikanwa ko ari impano y’Imana.

## KANAMA

**Gusabira iyogezabutumwa mu mijyi.**
Dusabe kugira ngo mu mijyi minini, ikunze kurangwamo ababayeho ku buryo butazwi ndetse n’abari mu bwigunge, hashobore kuboneka uburyo bushya bwo kwamamaza Ivanjili, hashakishwa inzira zidasanzwe zo kubaka umuryango.

## NZERI

**Gusabira ibungabungwa ry’amazi.**
Dusabe kugira ngo amazi abungabungwe neza ku buryo burambye, yo soko y’ubuzima kuri twe, abantu bose bayagireho uruhare mu buryo bungana.

## UKWAKIRA

**Gusabira ikenurabusho ry’ubuzima bwo mu mutwe.**
Dusabe kugira ngo ikenurabushyo ry’ubuzima bwo mu mutwe rikwire hose muri Kiliziya, rifashe gutsinda ugusuzugura n’ivangura rikorerwa abantu bafite ubumuga bwo mu mutwe.

## UGUSHYINGO

**Gusabira ikoreshwa ryiza ry’ubukungu.**
Dusabe kugira ngo ubukungu bukoreshwe neza, hirindwe igishuko cyo kwikunda, kandi burigihe haharanirwe inyungu rusange no gufatanya n’abadafite amikoro.

## UKUBOZA

**Gusabira imiryango irimo umubyeyi umwe.**
Dusabire imiryango ibuze umwe mu babyeyi, kugira ngo ibonere muri Kiliziya ubufasha no guherekezwa, kandi ngo mu bihe bikomeye babone imbaraga n’ukwemera.

**Papa Lewo wa XIV**
*Vatikani, 1 Nyakanga 2025*
*Umwimereri : Igitaliyani*

*Byahinduwe mu Kinyarwanda n’abagize Ikipe Nyobozi y’Urunana Mpuzamahanga rw’Isengesho rya Papa mu Rwanda binonosorwa n’Ubunyamabanga bw’Inama y’Abepiskopi Gatolika mu Rwanda*